cl

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYARUGURU**
**AKARERE KA MUSANZE**

**Ref: DC**

**Musanze, ku wa 07/03/2023**

**Ref: N°...30.../07.04.3.CD 2023**

DISTRICT DE MUSANZE
ACCUSE RECEPTION
DATE D' ENTREE 8/3/2023
SIGNATURE

Madamu Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru/ **MUSANZE**

**Impamvu :** Inyandiko mvugo y'inama y'Inama Njyanama idasanzwe yo kuwa 02/03/2023

Madamu,

Nishimiye kubandikira mbagezaho ku mugereka w'iyi baruwa, Inyandiko mvugo y'inama y'Inama Njyanama idasanzwe y'Akarere ka Musanze yateranye tariki ya 02/03/20223.

Mugire amahoro.

Province du Nord
Pour réception
Date: 08 MAR 2023

**NDAYAMBAJE Michel**
Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Musanze

**Bimenyeshejwe:**
-Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu **KIGALI**
-Umuyobozi w'Akarere ka **MUSANZE**

Website: www.musanze .gov.rw Email: info@musanze.gov.rw Twitter: @MusanzeDistrict Toll Free: 4042
Po. Box 03 Musanze

**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA NJYANAMA IDASANZWE Y'AKARERE KA MUSANZE YATERANYE KUWA 02/03/2023**

None kuwa 02/03/2023 saa munani (14h00) ku biro by'Akarere ka Musanze hateraniye inama y'Inama Njyanama idasanzwe iyobowe na Perezida wayo, Bwana **NDAYAMBAJE Michel**. Inama yatangijwe n'indirimbo yubahiriza Igihugu yakurikiwe n'Isengesho. Umuyobozi yashimiye Abajyanama n'Abakozi b'Akarere bitabiriye inama y'Inama Njyanama idasanzwe.

**KU MURONGO W'IBYIGWA HARI INGINGO IMWE IKURIKIRA:**

1. Gusuzuma no kwemeza Ingengo y'Imari y'umwaka wa 2022-2023

| INGINGO ZIZWEHO | INYANDIKOMVUGO, INGAMBA N'IBYIFUZO | IBYEMEZO BYAFASHWE |
|---|---|---|
| 1.Gusuzuma no kwemeza Ingengo y'Imari ivuguruye y'umwaka wa 2022-2023 | -Umuyobozi wa komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu Bwana **ABAYISENGA Emile** yagejeje ku nama y'Inama Njyanama idasanzwe muri make umushinga uvuguruye w'Ingengo y'Imari 2022-2023, avuga ko komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yarateranye kwi taliki 16/02/2023 isuzuma umushinga w'Ingengo y'Imari ivuguruye y'umwaka wa 2022-2023 irawemeza ku rwego rwayo.<br>Umuyobozi wa komisiyo yakomeje avugako ubwo duherutse gutora Ingengo y'Imari kuwa 30/06/2022 yanganaga **miliyari mirongo ine na miliyoni magana atatu mirongo tanu n'eshanu nibihumbi magana inane mirongo inane na birindwi n'amafaranga magana atandatu n'atanu (40,355,887,605).** Ingengo y'Imari mu kuyivugurura yiyongereho **9%** bingana na **miliyari enye na miliyoni mirongo ine n'enye n'ibihumbi magana atandatu mirongo ine na birindwi n'amafaranga ijana n'arindwi (4,044,647,107).** Bikaba byaratumye Ingengo y'Imari iva kuri miliyari | **03/2023/053:** Inama y'Inama Njyanama imaze kugezwaho ibikubiye mu mushinga w'Ingengo y'Imari ivuguruye y'Akarere ka Musanze y'umwaka wa 2022-2023 yemeje Ingengo y'Imari ivuguriye ingana na **miliyari mirongo ine n'enye na miliyoni magana ane n'ibihumbi magana atanu mirongo itatu na bine n'amafaranga magana arindwi na cumi ( 44,400,534,710)** yatowe n'Abajyanama bose uko bari bitabiriye inama y'Inama Njyanama. |

| | | |
|---|---|---|
| | **40,355,887,605** ikagera kuri **miliyari mirongo ine n'enye na miliyoni magana ane n'ibihumbi magana atanu mirongo itatu na bine n'amafaranga magana arindwi na cumi ( 44,400,534,710).** Impamvu hiyongereyeho miliyari **4,044,647,107** ni ukubera ko imishahara y'abarimu yiyongereyeho miliyari eshatu kubera icyemezo cya guverinoma cyo kongera imishahara y'Abarimu, hari ikigo cy'urubyiruko cyiyongereyeho miliyoni magana atanu, hari amafaranga ya expropriation yiyongereyeho angana na miliyoni magana abiri, Hari no kubaka TVET wings hajemo amafaranga angana na miliyoni ijana na mirongo irindwi. Gusa hari naho amafaranga yagabanutse nko ku muhanda wa Ninda Kagano mu murenge wa Nyange, no ku ifumbire ihabwa abahinzi hagabanutseho miliyoni magana atanu. | |

Inama yasoje imirimo yayo saa cyenda (15h00) Perezida w'Inama Njyanama ashimira abitabiriye n'ibitekerezo batanze.

**ITUZE Nicole**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka **MUSANZE**

**NDAYAMBAJE Michel**
Perezida w'Inama Njyanama
y'Akarere ka **MUSANZE**

## LISITI Y'ABAJYANAMA B'AKARERE KA MUSANZE BITABIRIYE INAMA NJYANAMA IDASANZWE YATERANYE TARIKI YA 02/03/2023

| N0 | AMAZINA YOMBI | ICYO ASHINZWE | UMUKONO |
|---|---|---|---|
| 01 | Michel Ndayambaje | DC chairperson | |
| 02 | NYIRAMARIBA M Clemence | Member | |
| 03 | SAFARI Djumapili | Member | |
| 04 | BIMENYIMANA Faustin | AC Member | |
| 05 | GASANA Vedaste | Member | |
| 06 | MUKAMUHIRWA Marie Janvière | Member | |
| 07 | MUKANYEMAZI Adele | Member | |
| 08 | MUBIRUNYOYE Evelyne | Member | |
| 09 | Rwegahama Andrew M | Member | |
| 10 | KAMANZI Axelle | Member | |
| 11. | Ituze Nicole | DC Secretary | |
| 12. | GASIRABO Athanase | DC V/chairperson | |
| 13. | RAMULI Janvier | Member | |
| 14 | ABAYISENGA Emile | Member | |
| 15 | NYIRAMUGISHA Denyse | Member | |
| | | | |
| | | | |
| | | | |
| | | | |

**ICYEMEZO CY'INAMA NJYANAMA GIHINDURA KANDI CYUZUZA ICYEMEZO CY'INAMA NJYANAMA N° 013/07/04.03 CD 2022 CYO KUWA 30/06/2022 GISHYIRAHO INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE KA MUSANZE Y'UMWAKA WA 2022/2023**

Abagize Inama Njyanama y'Akarere ka **MUSANZE** mu nama yabo yo kuwa **02/03/ 2023;**

Bashingiye ku Itegeko Ngenga N°12/2013 ryo kuwa 12/09/2013 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta

Bashingiye ku Itegeko N° 59/2011 ryo kuwa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze rikanagena imikoreshereze yabyo cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4, iya 5, iya 57, iya 58, iya 60, iya 61, iya 62 n'iya 63;

Bashingiye ku Itegeko N°87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 ryerekeye imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage

Bashingiye ku Iteka rya Perezida N°25/01 ryo kuwa 09/07/2012 rishyiraho urutonde kandi rigena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze cyane cyane mu ngingo ya 3;

Bashingiye ku Iteka rya Minisitiri N° 004/07.01 ryo kuwa 18/09/2006 rishyiraho amategeko Ngengamikorere y'Inama Njyanama y'Akarere n'iy'Umujyi wa Kigali, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 35;

**Bemeje:**

**Ingingo ya mbere: Amafaranga ateganijwe kwinjira**

Ingingo ya mbere y'Icyemezo cy'Inama Njyanama **N° 013/07/04.03 CD 2022** cyo kuwa **30/06/2022** gishyiraho ingengo y'imari y'Akarere ka MUSANZE y'umwaka wa **2022/2023** ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

Hakurikijwe Imbonerahamwe "A" ikurikira, amafaranga ateganijwe kwinjira mu Ngengo y'Imari y'Akarere ka MUSANZE mu gihe cy'umwaka wa **2022/2023**, ahwanye na **Miliyari mirongo ine n'enye miliyoni magana ane ibihumbi magana atanu na mirongo itatu na bine na magana arindwi na cumi y'u Rwanda (44,400,534,710Frw)**

Ibisobanuro birambuye byerekeye ateganyijwe kwinjira mu Isanduku y'Akarere arimo akomoka ku misoro n'andi mafaranga yinjizwa n'Akarere, inkunga ziva mu butegetsi bwite bwa Leta ndetse n'Inkunga zituruka mu bandi baterankunga batandukanye, biri ku mugereka wa mbere w'iki cyemezo.

Ayo mafaranga akwirakwije ku buryo bukurikira:

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA MUSANZE

| Imbonerahamwe"A" | Table"A" | Tableau"A" | Umubare/ Amount /Montant |
|---|---|---|---|
| **I. AMAFARANGA YINJIZWA N'AKARERE** | **I. DISTRICT OWN REVENUES** | **I. LES RECETTES PROPRES DU DISTRICT** | **3,078,675,071** |
| **I.1. Imisoro yakwa n'Akarere** | **I.1. District taxes** | **I.1. Taxes du District** | **800,214,386** |
| I.1.1. Umusoro ku mutungo utimukanwa | I.1.1. Fixed asset tax | I.1.1. Impôts sur les biens immobiliers | 625,688,778 |
| I.1.2. Umusoro ku nyungu z'ubukode | I.1.3. Rental income tax | I.1.3. Impôts sur le revenu locatif | 173,543,116 |
| I.1.3. Umusoro w'Ipatanti | I.1.4. Trading license tax | I.1.4. Droit de patente | 982,492 |
| **I.2. Amahoro yakwa n'Akarere** | **I.2. Fees charged by District** | **I.2. Taxes parafiscales imposes par le District** | **2,278,460,685** |
| I.2.1. Amahoro yo mu isoko | I.2.1. Market fees | I.2.1. Frais du marché; | 148,949,322 |
| I.2.2. Amahoro yakwa ku marimbi rusange; | I.2.2. Fees charged on public cemeteries | I.2.2. Frais sur les cimetières publics | 273,778 |
| I.2.3. Amahoro kuri parking | I.2.3. Fees charged on public parkings | I.2.3. Frais de parkings | 6,004,221 |
| I.2.4. Amahoro kuri za parikingi rusange | I.2.4. Fees on public taxi parks | I.2.4. Frais sur les parcs de stationnement publics | 0 |
| I.2.5. Amahoro kuri parking z'ubwato | I.2.5. Parking fee on boats | I.2.5. Frais de parking pour les bateaux | 0 |
| I.2.6. Amahoro y'ubukode bw'ubutaka | I.2.6. Fees on land lease | I.2.6. Frais sur la location de terrains | 220,886,449 |
| I.2.7. Amahoro yakwa buri mwaka k'ubukode bw'ubutaka bukorerwaho ubuhinzi n'ubworozi | I.2.7. Land lease fees to be collected annually on land used for agriculture and livestock activities | I.2.7. Frais de locations perçus annuellement sur les terrains utilisés pour les activités agricoles et d'élevages | 0 |
| I.2.8. Amahoro yakwa buri mwaka k'ubukode bw'ubutaka bwagenewe gucukurwaho kariyeri | I.2.8. Fees charged annually on land reserved for quarries exploitation | I.2.8. Frais perçus annuellement sur la location des terrains réservés pour l'exploitation des carriers | 482,963,631 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| I.2.9. Amahoro y'isuku rusange | I.2.9. Fees charged on public cleaning services | I.2.9. Frais pour les services de nettoyage public | 369,154,703 |
| I.2.10. Amahoro yo gushyingirwa ku munsi utandukanye n'uwagenwe | I.2.10. Fee charged on civil marriage done outside the official business days | I.2.10. Frais pour la célébration d'un mariage civil en dehors des jours ouvrables officiels | 5,464,433 |
| I.2.11. Amafaranga atangwa kuri serivisi z'ibyangombwa by'ubutaka n'ibibanza | I.2.11. Fees charged on provision of land and plot related services | I.2.11. Frais sur les services liés aux documents de biens immobiliers et aux parcelles | 73,796,798 |
| I.2.12. Amafaranga atangwa ku byemezo n'impapuro bitangwa na Leta n'inyandiko zishyirwaho umukono na Noteri | I.2.12. Fees charged on official documents provided by the Government and documents notified by the public Notary | I.2.12. Frais sur les documents officiels délivrés par le Gouvernement et les actes notariés du notaire | 43,139,049 |
| I.2.13. Amahoro yakwa ku ruhushya rwo gutwika amakara, kubumba no gutwika amatafari n'amategura; | I.2.13. Fees charged on authorizations to burn firewood, clay bricks and roof tiles | I.2.13. Frais pour la délivrance d'une autorisation de production des briques cuites, des tuiles et du charbon de bois ; | 0 |
| I.2.14. Amahoro yakwa ku cyapa cyamamaza no kuri banderole; | I.2.14. Fees charged on advertising billboard or banners | I.2.14. Frais sur les panneaux publicitaires et banderoles ; | 23,798,685 |
| I.2.15. Amahoro yakwa ku cyapa cy'ubwato | I.2.15. Fees charged on boat number plates | I.2.15. Frais sur les plaques d'immatriculation des bateaux ; | 0 |
| I.2.16. Amahoro yakwa ku byapa by'amagare | I.2.16. Fees charged on bicycle number plates | I.2.16. Frais sur les plaques d'immatriculation des vélos ; | 3,750,000 |
| I.2.17. Amahoro yakwa ku minara yifashishwa mu itumanaho n'isakazamajwi | I.2.17. Fees charged on communication towers | I.2.17. Frais sur les antennes de communication ; | 3,437,000 |
| I.2.18. Amahoro yakwa abapakira ibikomoka kuri kariyeri no ku mashyamba. | I.2.18. Fees charged on transport of materials from quarries and forests | I.2.18. Frais sur le transport des matériaux provenant des carrières et des forêts | 506,809,519 |
| I.3. Andi mafaranga atari imisoro yakwa n'Akarere | I.3. District non tax revenues | I.3. Recettes non fiscales du District | 202,445,302 |

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA MUSANZE

| | | | |
|---|---|---|---|
| I.3.1 Amahazabu | I.3.1 Fines | I.3.1 Frais d'amendes | 57,068,655 |
| I.3.2 Amafaranga acibwa abatubahirije amabwiriza yo kwirinda COVID-19 | I.3.2 Penalties for breaching COVID 19 measures | I.3.2 Frais d'amendes aux personnes qui n'obéissent pas aux mesures de lutte contre le COVID-19 | 55,410,870 |
| I.3.3 Amafaranga aturuka ku gaciro k'umutungo utimukanwa ugurishijwe muri cyamunara | I.3.3 Fees from the value of immovable property sold by auction | I.3.3 Frais perçus sur la valeur d'une propriété immobilière vendue aux enchères | 3,108,270 |
| I.3.4 Amafaranga aturuka ku bukode no ku igurishwa ry'ubutaka bw'inzego z'ibanze | I.3.4 Funds obtained from rent and sale of land of decentralized entities | I.3.4 Recettes provenant du loyer et de la vente des terres des entités décentralisées | 72,000,000 |
| **II. INKUNGA Z'UBUTEGETSI BWITE BWA LETA** | **II. TRANSFERS FROM CENTRAL GOVERNMENT** | **II.TRANSFERS DU GOUVERNEMENT CENTRAL** | **28,967,660,681** |
| II.1. Inkunga zitagenewe ibikorwa byihariye | II.1. Block Grant transfers | II.1. Transferts non ciblés | 2,100,735,101 |
| II.2. Inkunga zigenewe ibikorwa byihariye | II.2. Earmarked transfers | II.2. Transferts ciblés | 26,866,925,580 |
| **III.. IZINDI NKUNGA ZIKOMOKA MU NZEGO ZA LETA** | **III. OTHER GOVERNMENT AGENCY GRANTS** | **III. AUTRES TRANSFERTS EN PROVENANCE DES INSTITUTIONS DE L'ETAT** | **11,743,845,941** |
| **IV. AMAFARANGA Y'ABATERANKUNGA** | **IV. DONOR FUNDS** | **IV. DONS DES BAILLEURS** | 0 |
| **V. AMAFARANGA YIMUKANYWE** | **V. BALANCES BROUGHT FORWARD** | **V.REPORT DU SOLDE ANTERIEUR** | **610,353,017** |
| **VI. ANDI MAFARANGA YISHYURWA** | **VI. OTHER EXPENDITURES** | **VI. AUTRES PAIEMENTS** | 0 |
| **VII. INGUZANYO** | **VII. DOMESTIC LOAN** | **VII. EMPRUNTS** | 0 |
| **VIII. INYUNGU KW'ISHORAMARI** | **VIII. BENEFITS FROM INVESTMENTS** | **VIII. BENEFICES D'INVESTISSEMENTS** | 0 |
| **IGITERANYO CY'AMAFARANGA ATEGANYIJWE KWINJIRA (I+II+III+IV+V+VI+VII)** | **TOTAL REVENUES (I+II+III+IV+V+VI+VII)** | **RECETTES TOTALES (I+II+III+IV+V+VI+VII)** | **44,400,534,710** |

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA MUSANZE

**Ingingo ya 2: Amafaranga ateganyijwe gusohoka**

Ingingo ya kabiri y'Icyemezo cy'Inama Njyanama **N° 013/07/04.03 CD 2022** cyo kuwa **30/06/2022** gishyiraho ingengo y'imari y'Akarere ka **MUSANZE** y'umwaka wa **2022/2023** ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

Hakurikijwe imbonerahamwe "B" ikurikira, amafaranga ateganyijwe gukoreshwa mu ngengo y'imari y'Akarere ka **MUSANZE** mu mwaka wa **2022/2023** ahwanye na **Miliyari mirongo ine n'enye miliyoni magana ane ibihumbi magana atanu na mirongo itatu na bine na magana arindwi na cumi y'u Rwanda (44,400,534,710Frw)**

Amafaranga yose Akarere gateganya gukoresha agabanijemo amafaranga akoreshwa mu Ngengo y'Imari isanzwe igenewe kwishyura Imishahara, kwishyura ibikoresho n'imirimo bihabwa Akarere mu kazi ka buri munsi ndetse n'amafaranga ashorwa mu mishinga y'Iterambere, akwirakwijwe ku buryo bukurikira:

| Imbonerahamwe "B" | Table "B" | Tableau "B" | |
|---|---|---|---|
| **I. Amafaranga azakoreshwa mu Ngengo y'Imari, isanzwe** | **I. Recurrent expenditures** | **I. Dépenses courantes** | **23,657,547,556** |
| I.1.Amafaranga yishyura Imishahara | I.1. Wages and salaries | I.1.Salaires | 16,673,428,849 |
| I.2.Amafaranga akoreshwa mu kwishyura ibintu n'imirimo | I.2. Goods and services | I.2.Biens et services | 2,132,022,186 |
| I.3. Amafaranga akoreshwa mu kugura ibikoresho birambye | I.3. Acquisition of fixed assets | I.3. Achat des immobilizations | 268,865,127 |
| I.4. Imisanzu n'amafaranga yoherezwa | I.4. Subsidies and current transfers | I.4.Subvention et transferts courants | 4,245,468,383 |
| I.5. Imisanzu n'inkunga bihabwa abatishoboye | I.5. Social benefits | I.5. Assistance sociale | 209,377,471 |
| I.6 Ibindi byishyurwa | I.6 Other expenditures | I.6 Autres paiements | 22,000,000 |
| I.7 Ububiko bw'ibikoresho | I.7 Stocks | I.7 Inventory | 106,385,540 |
| **II. Amafaranga azakoreshwa mu ngengo y'imari y'iterambere** | **II. Development projects** | **II. Projets de développement** | **20,742,987,154** |
| II,1. Amafaranga akoreshwa mu kwishyura ibintu n'imirimo | I.2. Goods and services | I.2.Biens et services | 4,441,988,369 |
| II,2. Amafaranga akoreshwa mu kugura ibikoresho birambye | I.3. Acquisition of fixed assets | I.3. Achat des immobilizations | 12,218,571,200 |
| II.3. Imisanzu n'amafaranga yoherezwa | I.4. Subsidies and current transfers | I.4.Subvention et transferts courants | 982,688,871 |
| II.4. Imisanzu n'inkunga bihabwa abatishoboye | I.5. Social benefits | I.5. Assistance sociale | 3,080,163,860 |
| II.6 Ububiko bw'ibikoresho | II.6 Stocks | II.6 Inventory | 19,574,854 |
| **IGITERANYO CY'AMAFARANGA AZAKORESHWA** | **TOTAL EXPENDITURES** | **DEPENSES TOTALES** | **44,400,534,710** |

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA MUSANZE
REPUBULIKA Y'U RWANDA

Amafaranga azakoreshwa n'Akarere asaranganyijwe hakurikijwe imirongo y'ingengo y'imari, ibikorwa bijyanye n'ingamba zo kurwanya ubukene (EDPRS), ibyiciro by'imirimo, porogaramu ndetse n'urwego rw'ubukungu nkuko umugereka wa II ubyerekana.

**Ingingo ya 3 : Uburinganire bw'ingengo y'imari y'akarere**

Ingingo ya gatatu y'Icyemezo cy'Inama Njyanama **N° 013/07/04.03 CD 2022** cyo kuwa **30/06/2022** gishyiraho ingengo y'imari y'Akarere ka **MUSANZE** y'umwaka wa **2022/2023** ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

Uburinganire bw'Imari yinjira n'isohoka mu Karere buhujwe ku buryo buteye butya:

| Imbonerahamwe "C" | Table "C" | Tableau "C" | |
|---|---|---|---|
| **I. AMAFARANGA YINJIZWA N'AKARERE UBWAKO** | **I. DISTRICT OWN REVENUES** | **I. RECETTES PROPRES DU DISTRICT** | **3,078,675,071** |
| a) Amafaranga ava ku misoro y'Akarere | a) District tax revenues | a) Les recettes fiscales du District | 800,214,386 |
| b) Andi mafaranga atari imisoro | b) District non tax revenues | b) Les recettes non fiscales du District | 2,278,460,685 |
| **II. INKUNGA Z'UBUTEGETSI BWITE BWA LETA** | **II. TRANSFERS FROM CENTRAL GOVERNMENT** | **II.TRANSFERS DU GOUVERNEMENT CENTRAL** | **28,967,660,681** |
| a) Inkunga zigenewe ibikorwa byihariye | a) Earmarked transfers | a) Les transferts ciblés | 26,866,925,580 |
| b) Inkunga zitagenewe ibikorwa byihariye | b) Block Grant transfers | b) Les transferts non ciblés | 2,100,735,101 |
| **III. IZINDI NKUNGA ZIKOMOKA MU NZEGO ZA LETA** | **III. OTHER GOVERNMENT AGENCY GRANTS** | **III. AUTRES TRANSFERTS EN PROVENANCE DES INSTITUTIONS DE L'ETAT** | **11,743,845,941** |
| **IV. AMAFARANGA Y'ABATERANKUNGA** | **IV. DONOR FUNDS** | **IV. DONS DES BAILLEURS** | **0** |
| **V. INGUZANYO** | **V. DOMESTIC LOAN** | **EMPRUNTS** | **0** |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **VI. AMAFARANGA YIMUKANYWE** | **VI. BALANCES BROUGHT FORWARD** | **VI.REPORT DU SOLDE ANTERIEUR** | **610,353,017** |
| **VII. ANDI MAFARANGA YISHYURWA** | **VII. OTHER EXPENDITURES** | **VII. AUTRES PAIEMENTS** | **0** |
| **VIII. INYUNGU KW'ISHORAMARI** | **VIII. BENEFITS FROM INVESTMENTS** | **VIII. BENEFICES D'INVESTISSEMENTS** | **0** |
| **IGITERANYO CY'AMAFARANGA ATEGANYIJWE KWINJIRA** | **TOTAL REVENUES** | **RECETTES TOTALES** | **44,400,534,710** |
| **IGITERANYO CY'AMAFARANGA ATEGANIJWE GUKORESHWA N'AKARERE** | **TOTAL EXPENDITURES OF THE DISTRICT** | **TOTAL DES DEPENSES DU DISTRICT** | **44,400,534,710** |
| **I. AMAFARANGA AZAKORESHWA MU NGENGO Y'IMARI ISANZWE** | **I. RECURRENT EXPENDITURES** | **I. DEPENSES COURANTES** | **23,657,547,556** |
| I.1.Amafaranga yishyura Imishahara | I.1. Wages and salaries | I.1.Salaires | 16,673,428,849 |
| I.2.Amafaranga azakoreshwa mu kwishyura ibintu n'imirimo | I.2. Goods and services | I.2.Biens et services | 2,132,022,186 |
| I.3. Amafaranga akoreshwa mu kugura ibikoresho birambye | I.3. Acquisition of fixed assets | I.3. Achat des immobilizations | 268,865,127 |
| I.4. Imisanzu n'amafaranga yoherezwa | I.4. Subsidies and current transfers | I.4.Subvention et transferts courants | 4,245,468,383 |
| I.5 Imisanzu n'inkunga bihabwa abatishoboye | I.5. Social benefits | I.5. Assistance sociale | 209,377,471 |
| I.6 Ibindi byishyurwa | I.6 Other expenditures | I.6 Autres paiements | 22,000,000 |
| II.6 Ububiko bw'ibikoresho | II.6 Stocks | II.6 Inventory | 106,385,540 |
| **II. AMAFARANGA AZAKORESHWA MU MISHINGA Y'ITERAMBERE** | **II. DEVELOPMENT PROJECTS EXPENDITURE** | **II. PROJETS DE DVELOPPEMENT** | **20,742,987,154** |

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA MUSANZE

**Ingingo ya 4: Ingingo z'ibyemezo zivanwaho**

Ingingo zose z'ibyemezo zibanziriza iki cyemezo byemejwe n'Akarere/Umujyi wa Kigali kandi zinyuranyije nacyo zivanyweho.

**Ingingo ya 5 : Igihe icyemezo gitangira gukurikizwa**

Icyi cyemezo gitangira gukurikizwa Inama Njyanama y'Akarere/Umujyi wa Kigali imaze gutora Ingengo y'Imari y'Akarere isubiwemo kigashyirwaho umukono kandi kikanatangazwa. Gifite agaciro nk'ak'icyemezo gishyiraho Ingengo y'Imari y'Akarere gahera itariki gishyiriwemo umukono.

Akarere ka Musanze Ku wa **02/03/ 2023**.

**ITUZE Nicole**

**Umunyamabanga w'Inama Njyanama**

**NDAYAMBAJE Michel**

**Umuyobozi w'Inama Njyanama**

**Bishyizweho Kashe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Musanze**